Ndahiye ku izina rya Allah -Ạllah nabishaka- ko ntajya ndahirira ikintu, hanyuma nkabona icyiza kikiruse , usibye ko ntanga icyiru cy'indahiro, maze nkakora icyo cyiza

Hadith yaturutse kwa Abu Mussa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndi kumwe n'itsinda ry'abo mu bwoko bwa Al Ash'ariy nyisaba ingamiya yo kugendaho, maze iravuga iti: Ndahiye ku izina rya Allah ko ntari bubatware, ntabwo mfite ingamiya yo kubatwaraho! Nuko tumara akanya gato Allah yadushoboje kumara, bayizanira ingamiya itegeka ko baduha ingamiya eshatu. Ubwo twari tumaze kugenda, bamwe muri twe babwiye bagenzi babo bati: Allah ntaduhe imigisha! Twagiye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) tuyisaba ko yaduha ikigenderwaho tukajyana nayo irahira ko itari budutware none iradutwaye! Nuko Abu Mussa aravuga ati: Hanyuma tujya kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) turabiyibwira, maze iradusubiza iti: Sinjye wabatwaye! Ahubwo Allah niwe wabatwaye, Ndahiye ku izina rya Allah -Ạllah nabishaka- ko ntajya ndahirira ikintu, hanyuma nkabona icyiza kikiruse , usibye ko ntanga icyiru cy'indahiro, maze nkakora icyo cyiza."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abu Mussa Al Ash'ariy aratubwira ko yagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari hamwe n'itsinda ry'abo mu bwoko bwe bwa Al Ash'ariy, intego yabo yari ugusaba Intumwa y'Imana ko yabaha ingamiya zo kugendaho kugira ngo nabo bitabire urugamba, nuko ibarahirira ko itari bubatware ndetse itanafite ingamiya yo kubatwaraho! Nuko baragaruka bamara akanya gato maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bayizanira ingamiya eshatu, iraziboherereza ngo ari zo bagendaho, bamwe barabwirana bati: Allah ntaduhe imigisha kuri izi ngamiya! Kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarahiye ko itari budutware! Nuko bajya kuyireba barayibibaza; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: Uwabahaye ingamiya zo kugendaho ni Allah, kuko niwe wadushoboje atuzanira izo ngamiya, naho ubundi njye nari impamvu yabinyujijeho; Hanyuma Intumwa irangije iravuga iti: Ndahiye ku izina rya Allah ko Allah nabishaka ntajya ndahira ko hari icyo ndi bukore cyangwa se ndi bureke hanyuma nkabona icyiza gitandukanye n'icyo narahiye gukora cyangwa kureka, usibye ko nkora icyo cyiza maze ngatanga icyiru cy'indahiro."


النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY


لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee